

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RUKURU RW'UBUCURUZI

B.P: 7197 KIGALI

ITEGEKO RYA PEREZIDA N° 0003/2022/HCC RIHAMAGAZA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA AHO ABA HAZWI

Umwaka wa 2022, umunsi wa 16 w'ukwezi kwa Werurwe;

Twebwe, **MUKAMURERA Clotilde**, Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, dufashijwe na **Byukusenge Elisee**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko mu rubanza RCOMA 00720/2021/HCC, ruburanwamo na ECOBANK Rwanda Plc iregamo HAPPY HOUR DISTRIBUTORS Ltd, RUTAYISIRE Jean Marie Vianney na BAZUBAGIRA Marigarita, aho uwajuriye yatugaragarije ko aba baregwa batakibarizwa aho babarizwaga, nkuko byemejwe n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagali k'Agatare ko mu murenge wa Niboye;

Dushingiye ku ngingo ya 45, 46 n'ya 49 z'Itegeko n° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Duhamagaye **HAPPY HOUR DISTRIBUTORS Ltd, RUTAYISIRE Jean Marie Vianney** na **BAZUBAGIRA Marigarita** kwitaba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuwa 08/06/2022 saa saba (13h00), mu nama ntegurarubanza y'urubanza RCOMA 00720/2021/HCC rwavuzwe haruguru;

Tumenyesheje **HAPPY HOUR DISTRIBUTORS Ltd, RUTAYISIRE Jean Marie Vianney** na **BAZUBAGIRA Marigarita** ko ibisobanuro birambuye kuri uru rubanza babibona banyuze mu nzira y'ikoranabuhanga ya iecms.gov.rw bamaze gushyikiriza ubwanditsi bw'uru rukiko imirongo ya interineti (e-mails) bazajya bamenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwabo;

Dutegetse ko amahamagara ya **HAPPY HOUR DISTRIBUTORS Ltd, RUTAYISIRE Jean Marie Vianney** na **BAZUBAGIRA Marigarita**, amanikwa mu gihe cy'amezi abiri ku Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ahamanikwa amatangazo;

Dutegetse ko iri tegeko ritangazwa mu kinyamakuru **IMVAHO NSHYA** no ku **RUBUGA RW'URWEGO RW'UBUCAMANZA**.

MUKAMURERA Clotilde

(Perezida)



Byukusenge Elisee

(Umwanditsi)